UBUHANGA-KARANDE BW'ABANYARWANDA
MU BY'UBUVUZI.-

UBUGOMBOZI.

1) ABAGOMBOZI NI IKI?

Abagombozi ni abahanga bazobereye mu byo kuvura abantu barumwe n'inzoka cyangwa se ibintu byarumwe nazo. Aliko kandi inzoka zose ntizifite ubumara bufite ubukana n'imbaraga zimwe. Hano tuli bwibande cyane cyane kuli bene izo nzoka zifite ubumara bwa gihuta aliko tutaretse no kuvuga mu magambo make izifite ubumara buke cyangwa buli mu rugero kuko nazo n'ingizi za nabi kimwe n'izindi nubwo ubumara budafite imbaraga zimwe n'ubwizo zindi. Abagombozi ntabwo ali abantu b'abarozi cyangwa se abandi bayobya abantu mu bulyo bw'itera-bwoba (nk'abacuraguzi barara amajoro bashyalinga, badiha, babeshya Rubanda, bambaye imisambi bitwaje imirundi y'abantu bapfuye, bafite amafumba y'umuliro yakirana ngo rubanda rukuke imitima) ahubwo bo bakoresha ubuhanga bwabo kugirango bavure abantu cyangwa se amatungo yaliwe n'inzoka.

2) ABAGOMBOZI BAKOMOKA HE KANDI BALIMO AMOKO ANGAHE?

a) Abambere babita ABANYAMWUGA ni nabo bagombozi bakavukire babikomora kuli ba se na ba sekuru ndetse na basekuruza. Bitwa ABAYOKA. Cyangwa se ba KANYANZOKA; ayo akaba ali amazina bali barahimbye sekuruza wabo. Sekuruza wabo uwo ubundi yitwaga NYAMASHYO akaba akomoka mu karere k'abantu hitwa TABAGWE mu Ndorwa ya ruguru. Kubera uwo mwuga mwiza cyane wo kugombora kandi abigirana ubuhanga bwinshi uwo mugabo byatumye YUHI GAHINDIRO na RWOGERA bamugororera.
Aliko abanzi baranga baramukomaniliza kubera ishyali ly'uwo mwuga abarusha bituma bamubeshyera ngo niwe watererejе inzoka mu gihugu, nyuma aratangwa arapfa. Aliko rero ntiyapfuye ngo asige ubusa ni nayo Mana twagize. Abamukomokaho bagiye bikwirakwiza imhande zose z'u Rwanda: bamwe bali ku Mayaga muli za Ntongwe na Musamo, abandi batuye mu Buganza bugana za Mutara (nk'i Gikoma na Kivuba) abandi batuye mu Buganza bwo hakuno ya Muhazi (za Mwulire na Cyimbazi ho muli Komini ya Bicumbi ahareba za Rwamagana). Ubwo buhanga bwo kugombora bakaba babukomora kuli ba sekuruza. Uwo mwuga rero ni karande mu mulyango wabo. Umuntu mbere yo gupfa aba yarabisobanuliye abana be byose uko bikorwa.
Abo bana nabo bakazabisobanulira abana babo, bityo bityo.

b) Ubwoko bwa kabili bw'Abagombozi bwitwa: ABASHAKASHATSI.
Abo bantu n'izina lyabo lirabisobanura. Ni abashakiliza kubera na none ubuhanga bw'abantu Imana yabahaye. Bo ntabwo babikomora kuli ba se na ba sekuruza; n'abantu bazi kugenzura cyane bakaza kugera aho bamenya imiti igombora ibyarumwe n'inzoka.

.../.

Icyakora cyane cyane bakibanda ku miti igombora abaliwe n'ibiyoka bifite ubumara bugubangura bugakindura vuba. Bagenzura amatwara n'imico y'inzoka kanaka, bakanagenzura imbaraga z'ubumara bwayo alizo busagwe kugirango bazabone uko bashakashaka imiti ihura n'ubwo bumara ikabwica. Abo bashakashatsi bafasha abantu; cyane cyane abegereye amashyamba n'abayatuliye nko muli za Bugesera, Mubali na Migongo ndetse no mu Rweya. N'ahandi tutiliwe tuvuga hali amashyamba. Kandi hali ⁿibyo bita gutongera ibyo bikaba amagambo yo kwogeza no gutaka umwuga wo kugombora.

Ayo magambo ntabwo aliyo avura havura imiti bakoresha ahubwo ayo ni ayogeza umwuga wabo. Mwihangane tuli bubabwire bimwe muli ibyo bitongero. Kandi rero abagombozi b'Abashakashatsi bo ntibatongera; hatongera babandi bitwa Abayoka alibo ba Nyili Umwuga-Karande. Gutongera rero ubundi ibyo bisobanura ni ukuvuga ibigwi, mbese n'ukurata, ni ukwogeza Umugombozi n'ubugombozi bwe.

Umugombozi aho kubyiyerekezaho abyerekeza ku nzoka. Ibyo akabigira aliho agombora uwaliwe n'inzoka. Ibyo bitongero bakabyita imihayo alibyo bisingizo. Nkuko nababwiye ngiye kubumvisha kamwe mu bitongero. Umugombozi rero ubwo aratangira akavuga ati:

Ndakugombora impili
Ndakugombora idubi
Ndakugombora insana n'inkomyi
Habyimbirwa imbwa
Habyimbirwa impyisi
Ubwo bugomboro nabugomboje Ruganzu,
Bwagomboye Rwabugili na Rudahirwa.
Ndakugombora Byunga na Balihuta;
N'inyenzi n'impoma.

Murahura ntikulya!

Urajya kuvoma ntikulya
Urajya kulyama ntikulya
Murahura ikaraba, ikarabirana, ikabura ubwenge
ikabura ubwinyo, ikaba imbwa biseseme.

Ngako rero agatongero kamwe ntawabivuga byose ni byinshi icyakora tuzagerageza kujya tubumvisha tumwe na tumwe, tugiye tugera nko ku nzoka ifite icyivugo cyayo. Nako reka tube tubumvishije agasingizo k'inshira Umugombozi ayisingiza:

Ni irekura-nyeli zibabaza,
Ya " Nyamaraka"
Mu mpagata z'amatama,
Yitwaje ibihombo
Igacumita ibirenge,
Nkabyuka ngombora!

Inziza, Rugina,
Nayimulikiye abatware
N'igitsure cyuje umujinya,
Nyina wa Nkomyi
Ntiyica iracyaha,
Iba yiyama.
Ikaba Ruhagarara bahunga,
Ngiyo ni Rutera bakuka.

3) AMOKO AMWE Y'INZOKA ZIZWI N'IMIBEREHO RUSANGE YAZO.

Hano tuli bubabwire amoko akunda kuboneka mu Rwanda gusa. Izo abahanga bashoboye kwiga bakamenya n'amoko mirongo ilindwi n'atanu. Aliko siko tuli buyarondore yose. Na nubu aliko baracyahataho bashakiliza kuko batarayarangizayo yose. Ikindi kintu kinatuma abantu badashobora kumenya amoko yose y'inzoka nuko inzoka nyinshi zisa amabara bigatuma rero bazitiranya yaba ali amoko nk'atatu bakavuga ko ali ubwoko bumwe gusa. Kandi rero ishusho y'inzoka ishobora guterwa n'ahantu ikunda kuba (nko mu mukenke, mu mukungugu, mu biti ikaba yasa n'amababi yabyo mbese aho inzoka ishobora kuba hose). Inzoka zindi nazo zimwe na zimwe zishobora gutira ibara lyo kwiyobagiza zilikuye nyine aho hantu ziba. Umuntu akaba yazitiranya n'amashami y'ibiti cyangwa n'ibyatsi, ndetse hali nk'iyo ushobora kwitiranya n'umugogo w'igiti (nk'impili, umuntu yayitanga ho urugero kuko ushobora kuyitiranya n'ingeli y'igiti). Tugere rero ku mibereho yazo.

a) Imibereho rusange y'inzoka.

Duhere kubyerekeye imyororokere yazo.
Inzoka zimwe zitera amagi izindi zikabwagura. Uruziramire rutera amagi, rukayaralira iminsi mirongo inani n'ibili yashira rugaturaga. Iyo hashize ibyumweru bitandatu utubwana (babyita ibitorogo ni ukuvuga ibibwana by'inzoka) tukirwanaho tugatandukana n'ababyeyi batwo. Izindi nzoka zitera zitali uruziramire zizika mu butaka amagi yazo hanyuma ibibwana bikazivanamo amagi yituraze.

b) Tuvuge ku byerekeye amaso n'amatwi y'inzoka.

Inzoka zigira amaso aliko ntizikebuka ibulyo cyangwa ibumoso.
Inzoka kandi ntishobora gutokorwa kuko ijisho lyoroshwe n'akantu k'akarahuli kameze nka ak'isaha. Ntabwo inzoka ihumbya n'uguhora itumbiliye gusa kandi ikareba byasaze. Ibyo byose hali abahanga benshi b'abanyarwanda babizobereyemo bakabyiga bibashishikaje namwe nababwira iki mushobora kubitugiramo n'ubu mukabyiga, tukagerageza kwongera ubwenge abahanga ba mbere batugereyeho. Inzoka ntigira ugutwi na kumwe habe na busa, aliko kandi yumva byabuze urugero. Dore uko yumva. Ifite akantu mu musaya wayo twakwita nk'akanyundo, haba akantu k'agasaku ako kanyundo kakarangira kubera ako kamu gakubiseho noneho inzoka ikaba irumvise.

Ntitindiganya na gato. Ihita yumva bwangu. Inzoka ngo ikunda kandi akajwi karongorotse kandi karanguruye nk'ifilimbi. Abagombozi babizi cyane bo ndetse mu mwanya wo gukoresha ifilimbi ahubwo bikoreshereza ikivugilizo. Aliko kandi hali n'abagenzuzi bamwe muli ba bahanga twavuze batemera neza niba inzoka yumva. Gusa abenshi muli abo bazobereye bemeza cyane ko yumva nkuko twabivuze mbere.

Ahasigaye rero kugira ngo bimenywe neza ko inzoka ifite ubulyo yumvamo cyangwa se ko itumva namba twese (ndavuga ushize ubwoba kandi agashilika n'ubute) tugerageze natwe dukulikirane ubwo bugenzuzi. Ntakaboneka kadashatswe.

c) Hatahiwe kumenya urulimi n'amazuru byazo.

Inzoka zigira amazuru kandi zinukirwa vuba cyane birenze ubwenge. Naho haba hatabona zo zimenya ko hali ikintu. Ubwaku bw'izindi nyamaswa n'izindi nzoka buzinukira bidatinze. Umuntu w'umugombozi ngo yigeze gufata inzoka ayipfuka igitambaro ku maso hanyuma aza kuyirekura igipfutse aliko yabanje kuyijyana ahantu hategeranye naho yahoze mu zindi. Inzoka kubera guhumulirwa no kureha zene wayo irongera irazisanga. Ibyo rero bikumvikanisha ko inzoka inukirwa. Naho ibyerekeye iby'urulimi nabyo ni nk'uko. Inzoka ifite urulimi alibyo rukaze cyane.

Urulimi rwayo rufite udushami tubili ! Kandi ruhora rurabya.

Inzoka ipfa kuba yumvise nk'ikintu cyangwa se irakeye. Undi mulimo w'urulimi rw'inzoka n'ukulya no kunywa. Inzoka iyo ishaka kurwana cyangwa se gukanga abantu cyangwa amatungo irabya akalimi kayo dore ko hali izifite utulimi twahiliwe no kurabya. Maze ikarukaraga kandi rutukura cyane bigatuma nk'icyashakaga kuyirwanya kigira ubwoba ndetse kigahunga mu maguru mashya.

d) Twige noneho ubumara bw'inzoka.

Inzoka zose aho ziva zikagera zifite ubumara uretse ko imbaraga n'ubukana byabwo atali bimwe. Hali izifite ubumara buke, hali izifite bwinshi cyane.

AKAMARO UBUMARA BUFITIYE INZOKA.

1) Ubumara bufitiye inzoka akamaro cyane. Nibwo butuma ibyo inzoka iliye byose bishobora kunogera mu nda y'inzoka. Ubwo bumara bushwanyaguza ibilyo byose inzoka yaliye kugeza igihe bishiliye mu nda.

Naho ubundi ubumara butahali, inzoka yagundirwa n'ibilyo ikageza n'aho itulika, igasandara kuko ibilyo bikili byose mu nda.

2) Ubumara bufite akandi kamaro mu byerekeye ibyo kwitabara no kwihahira by'inzoka. Nibwo ikoresha kugirango yice ikintu ishobora kulya kandi nibwo yitabaza iyo itewe n'ikintu icyo ali cyo cyose (yaba umuntu cyangwa se inyamaswa).

3) Ubumara na none bufitiye inzoka akamaro mu kubyara. Inzoka ntiyashobora gitwara ibibwana mu nda cyangwa se amagi idafite ubumara. Mu kororoka rero kwazo n'ubumara buzifitiye akamaro kanini cyane.

4) Ubumara nibwo butuma inzoka ishobora kwiyuburura. Ndetse abahanga babizobereyemo bakabigenzura cyane bemeza ko ubumara butabayeho inzoka itakwiyuburura namba.

Tuvuge ku bumara dukulikije ubukana bwazo.

a) Hali izifite ubumara butica bushobora gutuma umuntu abyimbirwa gusa. Igituma inzoka zo muli ubwo bwoko zitica n'uko amenyo yazo adafite utwenge umugende uyoboreramo ubumara ubuvana mu kireko cyabwo. Ahubwo izo nzoka zivunagulira utwinyo twazo aho zirumye.
Reka tuvuge inzoka zimwe na zimwe zili muli ubwo bwoko.

Hali: Ikilyambeba
Incarwatsi
Icyaruzi
Nyarubabi
Umukenganya
Imamba
Inyenzi
Inkubayoka
Kararamba.

b) Hali izindi zo zifite umugende uyobora ubumara ufatanye n'ikireko cyabwo. Inzoka rero iyo irumye umuntu imaze kwimbika amenyo yayo mu mubili w'ikintu iruma yohereza ubumara mu mubili w'icyo iruma. Ubwo kandi niko iba inafashe n'ibyinyo byayo itarekura. Uko ivubura ubumara ikaba inafashe ikunkumura icyo ifashe. Iyo ali akantu k'imbaraga nke gahita gahwera.
Izili muli ubwo bwoko ni:

- Inkomyi
- Imfundura
- Ibano
- Sigigi
- Imbarabara.-

Izo nzoka zikunda kuboneka cyane mu mashyamba nko mu Bugesera no mu mikenke nko mu mibande y'Akagera, Nyabarongo, Ruvubu, Rusumo n'Akanyaru.
Ikindi dushobora kuvuga kuli izo nzoka n'uko kenshi imikaka yazo iba ibili. Umwe ibumoso undi ibulyo. Kandi ko izo nzoka zose z'ubumara bukomeye zifite imikaka ntaganyo. Iyo umukaka inzoka yakoreshaga ugize ibyago ukavunika, inzoka ihita yitabaza uwo mukaka w'insimbura.
c) Ubwoko bwa gatatu bulimo inzoka zifite ubumara bufite imbaraga z'ubusagwe burenze urugero kandi bwica vuba cyane. Ubwo bwoko bulimo INSANA, INSHIRA N'IMPILI ZOSE.
1) Incira n'insana zivubura ubumara buhwereza imitsi.
2) Naho ubwoko bw'impili bufite ubumara bwangiza amaraso agacika

amazi, ntiyongere kugira imbaraga ndetse n'imitsi iyayobora ikandura. Ingingo zose z'umubili ntizongere kubona amaraso azibeshaho. Imiheha y'imitsi ikaziba, igahwera. Ikintu rero kirumwe n'izo ngizi za nabi ntigitinda gupfa.

AMOKO Y'INZOKA.

1) Amazina y'inzoka zimwe na zimwe zijya guhuza ubukana bw'ubumara bwazo. HALI:

IKILYAMBEBA
ICYARUZI
INYENZI
IMAMBA
INKUBAYOKA
INCARWATSI
NYARUBABI
UMUKENGANYA
KARARAMBA.-

Izo nzoka zose tumaze kuvuga zifite ubumara butica. Icyakora ubwo bumara bwazo burahagije kugirango zitabare kandi zihahire.

2) Noneho buli nzoka tuvuge imico yayo, ubukana bw'ubumara bwayo, ibilyo ilya.

a) IKILYAMBEBA.-

N'izina lyayo lirabivuga, ikunda imbeba cyane aliko sizo zonyine ikunda n'imishushwe hamwe n'imende. Ntabwo iyo nzoka ikunda kwanduranya. Ikunda kwinyulirabo ikitondagilira mu mbaliro aliko nta muntu yakuye, ikihigira imbeba. Ubumara bwayo burababaza gato aliko ntawe bwica. Ku byerekeye iby'umuco wayo: Ikunda kurumana iyo yarakaye ubwinyo bwayo ikabukonyagulira mu muntu cyangwa ikintu irumye. Ubundi ntiyanduranya ndetse ku bulyo Rubanda bayita umuturanyi.-

b) UMUKENGANYA.-

Iyo nzoka benshi bayitiranya n'ikilyambeba, aliko yo ikunda kwibera mu gishanga n'ahantu hali ibyatsi byinshi. Ibilyo byayo: ikunda kwilira amajeri, imbeba, imitubu, inzige, ibihore n'imiserebanya.
Imico yayo: nayo ntabwo yanduranya, ntinarumana ali byo. Ahubwo yizinguliza kucyo ishaka kulya ikakiboha ikakivunagura utubavu ikagihwereza.

c) KARARAMBA.-

Izina lyayo lirabivuga, n'inzoka ikunda kurarambba mu mashami.
Ibilyo byayo: ikunda imbeba, ibikeri, imitubu, uruvu n'imiserebanya.
Ikunda kuba mu myumba y'insina no mw'ikawa.
Imico yayo: ntabwo irumana, ntikubagana iteka iba yihuta, ihorera.

d) ICYARUZI.-

Ilyo zina lyayo hali icyo lyababwira; Yarulira inyoni. Igenda ihiga mu mashami y'ibiti aho yabona hose ibyali by'inyoni.

Ibilyo byayo: yilira amagi gusa. Imenera igi mu kanwa kayo ikimilira umurende walyo aliwo isoro hanyuma igacira ikimene.

Umuco wayo: n'inzoka itarumana na limwe. Ibyo ntibiba mu mico yayo.

e) INYENZI.-

Yitwa Inyenzi kuko ijya gusa n'amashami y'imiyenzi.

Ibilyo byayo: yibanda cyane ku mbeba, imiserebanya, inyoni, ibikeri n'uruvu.

Imico yayo: iyo irakaye ishaka kwitabara ihaga amatama n'umubyimba wose kandi izi kwiruka birenze ubwenge ku bulyo ishobora gupima n'imbarabara.

f) IMAMBA.-

Ilindi zina lyayo ni INYINYA. Ikunda kwibera mu ntoki z'ijuli no mu mibande.

Ibilyo byayo: nayo yilira imiserebanya, ibikeli, uruvu, amajeli n'inzige ndetse ishobora no kumira indi nzoka.

Umuco wayo: ntabwo ikunda kurumana. N'inzoka yoroshye gufata. Ikunda kandi kwitendeka mu mashami y'ibiti.

Ubumara bwayo: ntawe bwakwica, nta nuwo bwamugaza ye! Ntibunababaza cyane.

g) INKUBAYOKA.-

Ilyo zina lyayo lituruka kw'ishusho yayo. N'inzoka itukura cyane kandi ikunda kwibera mu bishanga no mu mizi y'ibiti byashogoshe, byaboze niyo mpamvu rero banayita AMAZIKE.

Ibilyo byayo: ilya imitubu, amagi y'ibikeli n'ibikeli ubwa byo.

Umuco wayo: ntabwo yanduranya na kanzinya nta nubwo irumana. Ahubwo ifite ikintu kimwe kiyiranga kandi yitabaza izindi nzoka zitagira n'umununko ivubulira epfo na ruguru icyali kiyimereye nabi kigahita gifumyamo kigahunga ubwo.

h) INCARWATSI: (NYARWATSI).-

Iyo nzoka isa n'icyatsi kibisi kandi iba hose kandi ntanaho iguma. Uyisanga mu mukenke, mu kanya ukayisanga mu mukungugu, mu kandi kanya ukayisanga mu gishanga. Bityo, bityo nta na hamwe ihama.

Ibilyo byayo: ilya ibikeli, imitubu, amajeri, imiserebanya, uruvu, n'inkeli.

Ubumara bwayo ntacyo butwara uwo irumye.

I) NYARUBABI.-

N'ilyo zina lirabisobanura, ikunda gusa n'ibyatsi bibisi. Umubyimba wayo icyakora uruta uw'incarwatsi naho ubundi umuntu yayitiranya n'incarwatsi.

Ikunda kwibera mu biti no mu mikenke cyangwa mu gishanga.

Ubumara bwayo: ntacyo butwara urumwe nayo.

2) UBWOKO BW'INZOKA ZIFITE UBUMARA BWICA UMUNTU IYO ATAGOMBOWE VUBA.-

Nizo izi:

INKOMYI cyangwa INKOMO

IMBARABARA cyangwa IMBARAGA

SIGIGI

IMFUNDURA

IBANO

Tugende tuvuga buli nzoka uko tumaze kuzishyira ku murongo.

Duhere rero ku:

a) INKOMYI.-

Impamvu bayita inkomyi nuko abantu benshi bakeka ko ngo iyo umuntu ayikozeho niyo haba ku ntumbi yayo ngo arapfa ndetse ngo niyo ikoze ku muntu cyangwa ikintu cyangwa se igakoma ku nkoni umuntu afite ngo ahita apfa. Aliko rero ibyo byose sibyo ntibibaho, ahubwo nuko abantu bakuwe umutima n'izo nzoka kuko ali ingome cyane.

Ibilyo byayo: ilya inzoka zindi zigenzi zayo, imbeba ndetse n'ibikeli.

Umuco wayo: ntabwo icira aliko irarumana kandi ubumara bwayo bulica cyane kandi vuba.

Aho ikunda kuba: iba mu mukenke. Wayisanga mu Ndorwa, Migongo, mu Mubali, Mazinga no mu Mutara.

b) IMBARABARA cyangwa IMBARAGA.-

Iyo nzoka irazwi cyane mu mhande zose z'u Rwanda. N'inzoka igira imbaraga cyane kandi yihuta birenze urugero. Ikunda kuba mu mukenke cyangwa mu mukungugu ahantu hashyushye. Ikunda kwilira imbeba, imiserebanya, ibikeli n'utunyoni.

Umuco wayo: N'ingare cyane kandi iteka iba yiteguye intambara.

N'inzoka y'ikirara cyane ikubagana birenze urugero kuko inasemburana.

Ubumara: ubumara bw'imbarabara bwakwica umuntu. Icyakora kandi rero n'inzoka imenyera cyane ni nayo yorohera abagombozi mu byerekeye ibyo kuyitoza bakanayitunga iwabo mu rugo ntibalye. Imbarabara kandi bavugak ko yiyuburura nincuro munani mu mezi cumi n'alindwi.

c) IBANO.

Bayita ilyo zina Ibano kubera ko ifite agatwe kameze nk'ibano ly'umwambi.

Ibyo ikunda kulya: cyane cyane ilya imiserebanya, inyoni, inzoka zindi zene wayo.

Umuco wayo: ikunda guhaga amatama iyo yarakaye kandi icyo gihe ikarabya n'indimi zitukura cyane nk'ikilimi cy'umuliro. Iyo yatangiye kurabya indimi kaba kabaye ntisubira inyuma ubwo n'ukurwana nta kundi. Kandi rero n'inzoka ikunda kwitendeka mu mashami y'ibiti ikizinga ikihwereza. Iyo nzoka aho ili hose inyoni ziba zitokanya zibwejagura nicyo kimenyekanisha aho ili.

Icyakora rero usanze yibereye aho mu giti ukinyuliraho ntuyakure nayo ntacyo ikuvugisha.

Yangana n'uyishotora gusa.

Ubumara bwayo: ubwo bumara burakomeye cyane. Uwo irumye bagomba kumugomboza byanze bikunze naho ubundi ntabwo yabuva imbere.

d) IMFUNDURA.-

Bayita ilyo zina kubera guturumbuka kwayo n'umuvumbuko wayo.

Ilijuguta ikagwa mu kirere ikaba yahafatira inyoni ili mu giti.

Ikunda kuba mu mashyamba y'inzitane akomeye cyane nko muli za Migongo, Mubali, Mishashi na za Rusumo.

Imico yayo: Iranduranya cyane nk'ikirara kirengeje urugero kandi n'indwanyi mbi cyane.

Ibilyo byayo: ikunda kwilira uruvu, ibikeri: imiserebanya, izindi nzoka zigenzi zayo, n'amagi y'inyoni ndetse n'inyoni ubwazo.

Ubumara bwayo:

Burakaze cyane kimwe n'ubw'incira cyangwa se INSANA. N'ubumara bwa gihuta bufite ubukana bw'ubusagwe burenze urugero. Kandi rero igituma budahanga umuntu cyangwa s'ikindi cyose kiliwe nayo n'uko ubwo bumara iyo bugeze mu maraso butuma avura icyo gihe rero ntabe agishoboye kugenda mu mitsi neza, amaraso akareka, umubili ntugabulirwe. Ubwo rero namwe murabyumva icyarumwe n'iyo nzoka cyicwa n'uko amaraso atagitembera neza mu mubili kandi cyicwa n'ubumara bwagisagutse bujya mu bwonko no mu zindi ngingo z'umubili: nk'umwijima, umutima, impyiko n'ibindi.

e) SIGIGI.-

Ni inzoka igira ijabo cyane, ikubagana byabuze urugero, n'amahane menshi arenze ubwenge. Ilyo zina ubwalyo lirabivuga (ijambo igigi lisobanura ijabo, izima, amahane). Iyo nzoka ikunda kwibera mw'ishyamba cyane uretse ko no ku butayu mu mukungugu naho ihaba.

Ibilyo byayo: ikunda kulya ibitagangulirwa n'amajeli.

Ubumara bwayo: ni bubi cyane. Nabwo burakaze cyane. Burakindura ntibuhanga uwo yarumye.

3) UBWOKO BWA GATATU BULIMO INZOKA ZIFITE UBUMARA BUKAZE CYANE BUGUBANGURA VUBA.

Halimo: IDUBI
INCIRA
INGAMBIRA
INSANA
IMPIRI.

Turatangilira ku nzoka yitwa IDUBI.

a) IDUBI

Iyo nzoka iba mu mazi. N'ilyo zina lyayo lirasa n'ilibisobanura kuko yidubika mu mazi. Ikunda kuba mu migezi no mu biyaga. Iyo ili mu mazi usanga igihimba cyose kili mu mazi umutwe ureremba hejuru y'amazi.

Idubi ntiliba mu mazi gusa iba no ku butaka.

Ibilyo byayo: ikunda kwilira ibikeli n'amafi.

Umuco wayo: ntabwo ikunda gukubagana. Ntiyanduranya na limwe. Akenshi ndetse n'iyo bayisembuye bayikubaganira ilihungira, ikagenda.

Ubumara bwayo: ni bubi cyane. Uwo iyo nzoka irumye agomba kugomborwa vuba bitabaye ibyo biba birangiye. Nk'uko twahoze tuvuga ko ikunda kwibera mu biyaga no mu migezi, dore imigezi imwe n'imwe ndetse n'ibiyaga bimwe na bimwe iyo nzoka ikunda kubamo: Nasho, Ihema (ibyo biyaga byombi bikaba bili mu Rweya na Mubali) Nyiramageni (mu Buhanga) no mu Kivu. Aho naho dushoboye kuvuga naho mu biyaga byose no mu migezi yose ishobora kuhaboneka.

b) INSANA.

Insana ni inzoka mbi cyane izwi kandi mu mhande zose z'u Rwanda. Igira urugomo rwinshi cyane kandi n'intambara yayo ntikirwa.

Aho iba: ni inzoka iba mu mashyamba. Ikunda kwinjira ku mizi y'ibiti cyangwa se ikajya mu myobo y'imigina itakibamo imiswa. Ikunda kwinjira muli iyo myobo ku manywa naho nijoro ikaba alibwo ijya guhiga. Yinjira ku mashami y'ibiti cyangwa ku bihimba byabyo hanyuma ikintu cyahita cyangwa se umuntu, kabutindi iyo igahita idoma. Yo yamara kudoma ikigarukira aho yategeye kuko mbere yo kugirango idome igomba kwijuguta ku cyo ishaka kuruma.

Umuco wayo: ni mbi cyane, iranduranya kandi n'ingome byabuze urugero. Nta kintu na kimwe itinya, ifite ubutwali burenze ubwenge. Ntigomba kulindira guterwa ahubwo nayo irasemburana kugirango irwane; Iyo nzoka ni ingome cyane kandi n'ikirara cyabuhaliwe, ku bulyo ikulikirana icyo ishaka kuruma kugeza ubwo igifashe. Iyo irabutswe ikintu iherako yijuguta ubwo igurukirana mu mashami y'ibiti, iva kuli limwe ifata ilindi ibyo byose bigasa nko kubona umurabyo, igashirwa idomye icyo yahigaga. Kandi rero si mu mashami y'ibiti gusa n'iyo ili ku butaka yijuguta byahebuje ku bulyo ishobora kwinaga nko muli metero eshanu zirenga igahita yinaga ku cyo ishaka kuruma. Ni ingome byabuze agasani, ntibabalira na limwe, nta mhuwe igira na busa. Igira amahoro ali uko yishe icyo ihiga.

Ubumara bwayo: burakaze cyane, bwica vuba nko mu minota itanu umuntu aba amaze kunogoka. Gukubitana n'insana yakomeretse rero n'umunsi warwo. Kugirango umuntu azayihonoke ntibyoroshye ni aha Nyagasani. Dore uwo irumye uko ahinduka mu kanya gato: atangira guhinda umushyitsi, agatangurwa umubili wose, umunwa n'urulimi bigatangira gutengurwa nabyo, urulimi rukagobwa, akishimaguza asaza amaboko n'imigeli, mu kanya gato akitimbura hasi agahwera acitse intege kandi yagagaye. Kandi witonze neza ukitegereza wabona kuva aho iyo nzoka yarumye kugeza ku mutwe (aliko ku ruhande rwarumwe) umuzizi w'amaraso ubonekera aliko imbere mu ruhu.

Kubera ubugome bwinshi bw'iyo nzoka abantu ~~xxxx~~ nabo bashatse uko bayigira amayeli bayibonera imitego iyifata n'imiti iyica n'igombora ibyo yarumye.

Dore umutego umwe muyo bakoresha kugirango bayifate:

1) Bashaka igiti kinoze kandi kirekire kinini
2) N'inago ikomeye y'umuvumu cyangwa umugwegwe, ukayigira ikiziliko gifite imhurutuliro
3) Umushibuka ufite imbarutso nawo ukaba uhari.
4) Bagashaka izindi nago cumi nazo zifite imhurututuliro n'udushibuka cumi hamwe n'imbarutso cumi. Izo nago zigomba kuba zinoze cyane.

Ibyo iyo bimaze gutungana, bagenzura intaho yayo, haba hali umugendo, ntabwo hakunda kuyoberana. Uwo mugendo uhora ukubuye.

Bamara kubona rero intaho yayo neneho bagatangira gushyiraho ya mishibuka. Buli mushibuka ukajyana n'imbarutso yawo, kandi buli mushibuka ugakulikirana ako kayira (wa muyira) ku mhande zombi zawo. Insana rero yaza igakoma imbarutso y'umushibuka utangilira iyindi ni na wo munini kandi niwo uha iyindi isigaye mito gushibuka. Iyo ishibutse rero ntakundi kaba kabaye insana iba ifashwe. Umushibuka wa mbere iyo ushibutse utuma indi yose ishibuka noneho umwe muli yo ukajatira. Aliko abo bahigi mbere yo kuyitega bagomba kubanza kunywa umuti w'ubugomboro bw'insana, bakanisiga umuti ku maguru no ku maboko cyane cyane ku bikonjo aliko bamaze kurasaga aho bashaka gusiga uwo muti. Kugira ngo rero icyo kiyoka kizafatwe mu mishibuka, ba bahigi bafata ibibando byabo, babili muli bo bagakwirwa ibihuru bagakoma, abandi bagategera hafi y'intaho yayo aho ya mishibuka ili, bafite n'umuti bateguye wo kuyisinziliza imaze gufatwa mu mishibuka. Mu gihe bayihiga nta numwe muli bo ukoma, nta numwe ukorora no guhumeka n'ukwitonda bakitsa buhoro cyane. Iyo imaze gufatwa mu mishibuka bababigi baherako bakayiboha hose: umwe agafata igihimba, undi agafata umulizo, undi agafatira umutwe ku butaka, hanyuma abandi basigaye bakayisuka wa muti usinziliza twavuze. Uwo muti ushobora kuba wali uteguwe cyangwa se bashobora no kuwutegulira aho. Uwo muti kandi ushobora kuba **UMUSORORO** cyangwa se BUGANGABUKALI ivanze n'UMUGONAMPILI n'UMWICANZOKA. Imiti si iyo yonyine aliko hali n'indi tuzayivuga tugeze ku miti igombora n'ikumira inzoka ngo ze kuza mu nzu.

c) INCIRA.

Twageragaje kugenzura dusanga hali amoko menshi y'incira:

1) Incira-KIREZI
2) Incira-BIZIGA
3) Incira-RUKARA.

## I. INCIRA-KIREZI.

Ilyo zina aho liva nuko ijosi lyayo lisa n'ilyambaye ikirezi.

Ikunda kuba mu mashyamba aliko rero ushobora no kuyisanga mu myonga no mu bitsinsi by'ibiti n'ibihorwa by'amabuye. Iyo nzoka ilimo amoko abili:

hali INCIRA-KIREZI y'urukara, hakaba n'INCIRA-KIREZI y'agahondo; aliko zombi zikaba zimwe uretse gusa ayo mabara azitandukanije.

Ubumara bwayo: ni bubi cyane kandi burakaze bwica vuba.

Ubundi iyo nzoka n'ubwo ili mu murongo w'incira nyamara yo ntabwo icira ahubwo yo iratema.

II. INCIRA-BIZIGA.

Iyo nzoka ilimo imilyango itandatu. Ikunda kuba mu myobo yahozemo umuswa no mu nguli z'insina zaboze. Ni naho itera amagi. Ayo magi alituraga iyo ubushyuhe bwo muli iyo myobo cyangwa izo nguli bwarenze. Amagi aherako agatulika noneho ibyana by'inzoka bigasohokamo bikajya i musozi. Ubwo bwoko kandi ntibucira ahubwo nabwo buratema.

Ubumara bwayo: ni bubi cyane, bwica vuba.

III. INCIRA-RUKARA.

Nkuko izina lyayo libivuga ni ikiyoka cyirabura cyane. Ikunda kuba mu butaka bufite agashyuhe ndetse no mu mikenke. Ikaba cyane cyane mu myobo yahozemo imiswa.

Umuco wayo: ni inyarugomo cyane. Ndetse iruvurana (irasemburana birenze urugero' Iyo ivudutse mu mukenke wa kwibwira ko ali umuyaga w'ishuheli wahageze.

Ibilyo byayo: cyane cyane ni ibikeli n'amafi kuko iyo nzoka yikundira kuba mu bishanga n'ibibaya. Aliko kandi si ibyo gusa: ikunda no kulya udushwi tw'inkoko, n'amagi, n'utunyoni, n'inzoka zene wayo ndetse. Iyo nzoka yo iracira, niyo ncira nyayo x kuko ivundereza ibicandwe bivanze n'ubumara. Kandi yikundira gucira mu maso ishaka guhuma urwana nayo. Ibigira kubera kwitabara no kwirwanaho.

Ubumara bwayo: bufite ubukana bukomeye cyane bukinantura. Uciliwe nayo cyangwa se uwo irumye agomba kugomborwa vuba cyane.

Ubwoko bw'incira burarangiye. Ahasigaye tuvuge indi nzoka yitwa INGAMBIRA.

d) INGAMBIRA.

Ili mu mulyango umwe n'Insana. Iyo nzoka aho ili inyoni zirabwejagura cyane kuko ziyitinya bihebuje. Ikunda kwibera mu mashyamba no mu bibaya ahantu hashyushye kuko ikunda ubushyuhe. Ushobora kuyibona nko mw'ishyamba lyo mu Mutara, Migongo, Urweya (mu Mazinga) no ku Mayaga.

Ibilyo byayo: ni amajeli, ibikeli, utunyoni, utunyamaswa dutoya, intobo z'inshucu, inzige.

Ubumara bwayo: ni bubi cyane burakindura. Ni ngombwa kugomborwa naho ubundi kaba kabaye ni ugusezera kw'isi. Umuco w'iyo nzoka ni mubi cyane kuko igira urugomo rukabije cyane kandi yanduranya byabuze urugero.

e) Tugeze ku bwoko bw'inzoka yitwa IMPILI.

1) IMPILI-RUTEMYI
2) NSIGANSABITSE
3) IKIMATA

A. Dutangilire rero ku MPILI-RUTEMYI.

Mu burundi iyo nzoka yitwa IMPILI nko mu Kinyarwanda. Naho muli Zaîre ahagana i Buvira bakayita KIBAMBA.
Ubundi mu Kinyarwanda icyo isobanura biragaragara no mu nyandiko yayo birumvikana ni IMPILI = IKINIMFU, uretse ko imvugo icyo gihe ihinduka.
Impili ziba hose: ali imuhira, ali mu gasozi mu mikenke no mu milima no mu ntoke ndetse ali byo no mu makahwa.
Zikunda kandi kwilira amashaza n'imbeba. Umulima w'amashaza iyo impili yawugezemo nyili-umulima ubwo abuliramo. Impili irabutonora ikabwimiragulira.

Umuco wayo: ni inzoka mbi cyane ubugome bwarayirenze uretse ko ali ikinebwe aliko rero ubumara bwayo ni bubi cyane.

Iyo ibonye icyo ishaka kuruma (yaba umuntu, yaba inyamaswa) ilitugatuga ikizinga nk'urwanwa rw'umuhoro ikitegura intambara. Iyo imaze kudoma ilitaza igategereza ko icyo yarumye kinogoka hanyuma iyo ibonye cyinyagambuye irongera ikagisimbukira ikaruma kugirango igihwanye. Ni inzoka ifite ubugome burenze ubwenge.

Ubumara bwayo: ubwo bumara buragubangura, ntibuhanga umuntu.
Ubukana bwabwo burakaze birenze urugereranyilizo.

Uko impili yororoka: yo ntabwo itera amagi ahubwo irabwagura. Biva munda ya nyina bifite santimetero 20 (makumyabili) bizi kurumana kandi. Ntabwo biba bikibanye na nyina bihita byirwanaho. Iyo bimaze kuva munda ya nyina bishaka imyobo bihonongeramo. Igitangaza cy'ibyana by'impili ni uko byose bivuka bifite santimetero makumyabili.
Ibyo byose tubikesha abazobereye mu bumenyi bw'inzoka. Dore abashoboye kubigenzura ingero bagenda baduha: hali impili yishwe kuli 19/10/1956 bayifomoza ibyana mirongo itanu na bitatu. Ibyo byana byose byali bifite santimetero makumyabili buli cyana. Iyo mpili bayiciye mu Buhanga ho muli Prefegitura ya Butare.
Indi mpili yiciwe ku Gisagara kuli 27/10/1956 naho ho muli Butare bayifomoza ibyana mirongo itanu na bitanu nabyo bifite santimetero makumyabili kimwe kimwe. Indi bayiciye ahitwa i Gahulire ho muli Kibungo kuli 4/11/1957 bayifomoza ibyana mirongo ine. Buli cyana cyali gifite uburebure bwa santimetero makumyabili kimwe kimwe.

B) Ubwoko bw'izitwa NSIGANSABITSE.

Izo nzoka zihwanije ubumara n'impili isanzwe aliko zo zifite ubundi bwoko zilimo ntabwo ali impili nyazo. Zitwa NSIGANSABITSE kubera ko zidoma umuntu cyangwa se inyamaswa noneho zo zigahita ziyandurukira aliko kandi zimaze kulikora zisabitse ubumara mu cyo zirumye.

Ubwo bwoko bwo bulimo umubare w'inzoka enye:

Nizo: IMFUHA
IMPOMA
NYANGIRA
ISHINGU

Dutangilire kuli IMFUHA turebe uko iteye: ilyo zina ubwalyo lirabivuga. Bayita imfuha kubera ko iyo irakaye ifuha cyane igafureka. Iyo nzoka ijya gusa n'icyatsi kibisi cyangwa ubundi ikaba akajuju.

Ubumara bwayo: ubumara bwayo ni bubi cyane kandi bwica vuba mbese nkuko za NSIGANSABITSE zose zimeze. Ubumara buzuzuye umubili wose kandi zifite ibyinyo bya gakushwa binini cyane. Iyo nzoka kandi yo kugira ngo yororoke itera amagi ayo magi kubera ubushyuhe bw'ubutaka yayazitsemo, noneho akazituraga ubwayo ibyana bivuyemo bikazirwanaho. Ntaho bihulira na Nyina, bitangira kwigenga bikigera imusozi bikirwanaho.

2) ISHINGU.

Ni akayoka gatoya kameze nk'agati. Gakunda kwibera mu gitaka nomu bihorwa by'imyobo yahozemo amafuku.

Ubumara bwayo: bulica; kimwe n'ubw'izindi za NSIGANSABITSE.

3) IMPOMA.

Ni inzoka ikunda kwibera hose ali mu birundo by'ibiti n'ibibuye ugasanga aliho yinugitse. Ikunda kwilira amajeli, imbeba, ibikeli ndetse n'imitubu. Ibyo byose ibihiga mw'ijoro kuko ku manywa idakunda kwiyerekana.

Umuco wayo: nayo ni inyaburakali nk'impili zindi. Iyo hagize ikintu kiyirakaza ilitugatuga hanyuma ikaza kwishibura igahita idoma ikirwana nayo.

Imyororokere yayo: impoma itera amagi kandi ndetse yo iranayaralira kugeza igihe ibyana bikuliye. Ibyo byana nibyo bituma amagi atulika noneho bikavamo. Iyo bimaze gukura bitsimba imitwe amagi agatulika. Ubumara bwayo: ni nka ubw'izindi mpili nabwo ni bubi. Niyo butishe umuntu buramumugaza.

4) NYANGIRA.

Ilyo zina livuga ikintu cy'ingare, cy'ijabo kitava kw'izima. Mu Migongo (Kibungo) bayita NYENGIRE ni ukuvuga ikintu cy'ikinyabulyalya cy'inyalyenge Nyengire ni umuhtu w'umugome w'indyalya cyane. Ubumara bwayo: ntibuhagalika. Uwo iliye iyo atagombowe kaba kamubayeho ntarokoka. Ubwo rero ubwoko bwa za NSIGANSABITSE burarangiye.

c) Hali indi nzoka yitwa IKIMATA.

Turebe nayo uko iteye.

Iyo nzoka ni inzoka mbi kandi y'ingome cyane kuko icyo ifashe itarekura. Kugira ngo izarekure n'ukugomba gukeba igikoba cyaho yafashe bikavananaho. Ubundi kandi ubulyo bwiza bwo kuyivanaho n'ukuba umuntu afite umuti w'ubugomboro akaminjiraho agafu noneho kabutindi iyo ikarekura. Uwo muti tuzawuvuga dutangiye igika cy'imiti igombora. Ikimata kilimo amoko atanu aliko ali mu Rwanda ni abili gusa.

1) Hali ikimata cyo mw'ishyamba. Ugisangana ibyoya ishyano lyose.

2) Hali n'ikimata cyo mu gishanga no mu mukenke cyo nta bwoya gifite. Iyo nzoka ikunda kwibera mu mibande ilimo ibihuru cyangwa se ibishanga. Ikunda kuba mw'ishyamba lya MISHAHI, MIGONGO, MUBALI no mu BIRUNGA (mu Rugano).

Ubumara bwayo: nabwo ni bubi kuko iyo nzoka nayo ali impili nk'izindi zose. Icyakora ikintu cyayo kibi cyane nuko ifata ntirekure.

IMITI IGOMBORA

Muli iyo miti turababwira iyo twashoboye kubona kuko hali indi tutaramenya neza uko ikoreshwa. Turavuga iyo miti dukulikije uko inzoka zigenda zisumbana mu bugombe n'ubukana bw'ubumara bwazo.

Dutangiliye rero ku nzoka yitwa INSANA.-

I.- INSANA

Hali ubulyo bugeze kuli butandatu bwo kugombora uwo yariye.-

Ubwa mbere:

Bavanga ibibabi by'amoko cumi y'ibiti tugiye kuvuga.

Nibyo ibi:

1) Umugonampili
2) Ikiboroza (ali cyo igisura kinini)
3) Umusororo
4) Akayogera (cyangwa umuyogera)
5) Umugombe
6) Nkulimwonga (cyangwa gisayura)
7) Umushereka
8) Umuyoka (cyangwa umwicanzoka)
9) Umuhoko
10) Intareyirungu.

Turebe rero uko iyo miti bayitegura n'ubulyo bayikoresha.

Bafata utubabi nka dutanu twabuli giti bagasekura hanyuma byamara kunoga bakavanga n'utuzi dukeya. Iyo bamaze kuvanga n'utwo tuzi barakamura, bakaminina cyane ku bulyo utabonamo n'agatotsi kangana urwara. Uwarumwe n'Insana rero anywa intama eshatu z'uwo muti vuba cyane akimara kurumwa. Iyo hashize igihe cyagera nko ku minota cumi arongera akanywa intama imwe y'uwo muti. Uwo muti ni mwiza cyane wihutira guhagalika no kwica ubumara kugira ngo bwe gukwira umubili wose cyane cyane umutima, impyiko, ubwonko n'umwijima.

Kandi rero uwo muti ushobora no gutegurwa ukabikwa kugirango bye kuzaruhanya umuntu aramutse arumwe kandi kugomborwa bikaba byihutirwa cyane.

Dore uko bawutegura:

Bafata ibibabi bya buli giti nka bitanu bakabihondera hamwe, bakanika, bakazasekura hanyuma bakagogora kugeza igihe babonye agafu. Ako gafu bakabika (ka) mu kintu (ali icupa cyangwa se ikindi gishobora kubika neza). Urumwe n'iyo ngome y'inzoka (Insana) ahita afata agafu agashyira aharumwe aliko amaze kurasaga.

Ubulyo bwa kabili: imiti bakoresha:

1) Umuzibaziba

2) Umusagwe

3) Amavuta y'inka cyangwa se amamesa

4) Umunyirarume (umunyinya udafite amahwa)

Ufata imizi ya buli giti muli ibyo, ugahondera hamwe cyangwa se ugasekura, hanyuma ukanika byamara kuma ugasya, ukagogora cyane.

Agafu kavuyemo niko umuntu asiga aho inzoka yarumye. Aliko rero ako gafu ubanza kukavanga na ya mavuta ukabona gushyira aharumwe.

## Ubulyo bwa gatatu

Imiti bakoresha ni iyi:

1) Umugonampili

2) Umuzibaziba

3) Uruheza

4) Umugenge

Bakoresha ibishishwa by'imizi y'ibyo biti. Bahondera hamwe ibyo bishishwa cyangwa bakabisekura bagashyiramo utuzi duke hanyuma bagakamura. Utuzi bavanyemo bakatuvanga n'igikoma cya rutuku cyangwa se igikoma cy'ingano cyangwa icy'uburo- Uwarumwe n'insana agomba kunywa ikiyiko cyuzuye, kabili mu munsi (mu gitondo na nimugoroba).

## Ubulyo bwa kane

Imiti bakoresha:

1) Umusasa
2) Ururaza
3) Umuhurura
4) Umutagara
5) Kamenamaseke
6) Igicunshu
7) Umubanga
8) Umurerampanga
9) Umushabishabi
10) Akayogera (umuyogera)
11) Umumeya
12) Umukubagwa
13) Ivumo (umuvumavuma)

Bakoresha ibibabi cyangwa ibishishwa by'ibyo biti. Basekurira hamwe ibyo bishishwa cyangwa ibibabi cyangwa se bakabihonda byamara kunoga bagashyiramo utuzi duke hanyuma bakaminina. Umuti uvuyemo bakawushyira mu kantu haba mw'icupa cyangwa se ikindi - Uwarumwe n'inzoka anywa inshuro y'akayiko gato. Ibikatsi bya wa muti babipfukisha aharumwe n'insana, kugira ngo urwo rupfuko rufate bashyiraho igitambaro cyiza gifite isuku, umuti ukagumaho ntibyomokeho kuko bifashwe n'icyo gitambaro.

Uwo muti bashobora kuwutegura mbere bakabika agafu. Bahondera hamwe ibibabi cyangwa ibishishwa by'ibyo biti, bakanika byamara kwuma bagasya, bakagogora cyane hanyuma agafu kavuyemo bakakabika- Umuntu yarumwa n'inzoka kuli ka gafu bagakuraho gake bagashyira mu mazi acagase ikirahuli bakamuha akanywa-

<u>Ubulyo bwa gatanu</u>: <u>Imiti bakoresha.</u>

1) Umuko
2) Urucaca
3) Umugonampili
4) Itake
5) Umuhingura
6) Ururaza
7) Umuzigangore
8) Urwili
9) Umushereka
10) Umuhororo
11) Umuyogera
12) Igitovu
13) Bungangabukali
14) Umwanzuranya

Bahondera hamwe ibibabi bitanu bya buli giti cyangwa se ibishishwa by'imizi yabyo. Bagashyira mo utuzi hanyuma bakaminina- Utuzi bavanyemo bakatubika mu kintu (urugero: icupa)- Urumwe n'inzoka agomba kunywa intama ebyili. Ibikatsi abipfukisha xxxxxxx aharumwe- kugira ngo ibyo bikatsi bye kwomoka ku gikomere bapfukisha igitambaro aliko cyiza gifite isuku- Ni ukuvuga ko abantu batuliye amashyamba bagomba guhora bateguye bene ibyo bitambaro- Bakabimesa ku bulyo bigomba guhora bifite isuku kugirango bizabatabare mu makuba- Kandi rero nkuko twagumye kubivuga mu byabanjije kugira umuti w'ubugomboro uhora uteguwe nibyo byiza- Uwo muti bawutegura x muli ibyo biti twavuze. Bafata ibibabi xxxxxxxxx cyangwa ibishishwa by'imizi yabyo bagasekura cyangwa bagahondera hamwe bakanika byamara kwuma bagasekura hanyuma ifu ivuyemo bamaze kugogora cyane bakayibika mu kantu nk'agacupa- Urumwe rero n'inzoka aherako afata kuli ako gafu akaminjira mu tuzi akanywa. Akandi gafu akagashyira ku gikomere cyatewe n'insana. **Aliko mbere yo gushyiraho ako gafu agomba kubanza kurasaga** aharumwe. Abatuliye amashyamba nka za Migongo, mu Cyanya, mu Mubali, ishyamba lya Mishahi no ku Mayaga ndetse n'u Bugesera bahorana iyo miti. Iyo bagiye mu ishyamba barasaga ku bikonjo no ku birenge bagasigaho iyo miti kugira ngo insana niramuka ibarumye batagira icyo baba.

<u>Ubulyo bwa nyuma</u>.

Imiti bakoresha:

1) Nkulimwonga
2) Umugonampili
3) Umuhengeli
4) Uruheza
5) Ikirogora
6) Karungu
7) Umunyuragisaka
8) Kazigashya.

Bafata ibibabi cyangwa ibishihswa by'imizi bagahondera hamwe cyangwa bagasekura, bakavanga n'utuzi dukeya, hanyuma bagakamura- Umuti uvuyemo bakawuminina ntihagire agatotsi na gato kabonekamo- Uwarumwe n'insana agomba kunywa intama imwe- Kandi rero kubika agafu nkuko twahoze tubivuga mbere ni byo byiza.

<u>Icyitonderwa</u>: Inzoka yitwa INGAMBIRA nayo igomborwa ityo nkuko tumaze kubyerekana ku <u>INSANA</u>; Imiti ni imwe n'ubulyo ni bumwe.

II. INCIRA: amoko yose yazo aliyo aya:

- IDUBI
- INCIRA-RUKARA
- INCIRA- KIREZI
- INCIRA-BIZIGA.

Ubulyo zigomborwa

a) Ubwa mbere: Imiti ikoreshwa muli ubwo bugomboro:

1) Umukararambwe
2) Umutinskyi
3) Ikigwarara

Bafata ibibabi cyangwa se ibishishwa by'imizi bakabisekura cyangwa bakabihonda, byamara kunoga bakavanga n'utuzi duke, hanyuma bakaminina neza ntihagire umwanda ubonekamo-

Urumwe n'Incira anywa intama y'umuti wuzuye ikiyiko kinini cy'isupu.

Ibikatsi by'ibyo biti bigomba gupfukishwa aharumwe- kugira ngo urwo rupfuko rukomere bagomba gupfukisha igitambaro ngo bya bikatsi bitomoka bikavaho.

b) Ubulyo bwa kabili n'imiti bakoresha

1) Umuvumavuma (Ivumo)
2) Igihehe
3) Umunyu wa Nyamanza (cyangwa ubwunyu bwa Nyamanza)
4) Umugombe

Bafata ibibabi nka bitandatu bya buli giti bakabisekura cyangwa bakabihonda-honda bakavanga n'utuzi duke hanyuma bakaminina. Uwarumwe n'Incira agomba kunywa inshuro ebyili z'ikiyiko kinini.

c) Ubulyo bwa gatatu.

1) Nkulimwonga
2) Igitunguru
3) Urunyabutongo
4) Karungu
5) Kazigashya.

Bafata ibibabi bigeze kuli bine cyangwa bitanu bya buli giti bakavanga n'ikijumba cya Karungu bagahondera hamwe, bakavanga n'utuzi nk'inshuro ebyili z'ikiyiko cy'isupu hanyuma bagakamura bakaminina. Uwarumwe n'inzoka y'Incira agomba kubikandisha aharumwe. Ibyiza cyane ni ukubanza bakabishyushya nibwo ubumara bupfa vuba iyo bakandishije ibyo bikatsi bishyushye.

d) Ubulyo bwa kane.

1) Igitovu
2) Umwicanzoka
3) Umugenge
4) Umufumba.

Bafata ibibabi bitanu n'udushami dutanu twa buli giti ukuyemo igitovu kuko cyo bafata ibibabi gusa bitotoye nta shami ligiyemo.
Ibyo byose bagahondera hamwe, bakavanga n'utuzi twujuje ibiyiko bibili binini (by'isupu) hanyuma bagakamura, bakamaminina. Uwo muti bakuyemo bakawushyushya ugahinduka akazuyazi. Uwarumwe n'incira agomba kunywa inshuro y'ikiyiko imwe aliko umuti ugishyushye.
Ibikatsi nabyo bikandishwa aharumwe.
Icyitonderwa: Uwo muti utera guhitwa no kuruka. Ubwo rero n'ukuvuga ko guhitamo ubwo bulyo bwa kane si ngombwa keretse nta bundi bulyo buzwi.
Ubulyo bwo kwikingira ukoresheje ibyo biti:
Abanyeshyamba cyane cyane abahigi cyangwa abashumba iyo bagiye kujya mu ishyamba bazi ko lilimo incira baba barabitse agafu bakuye mu bibabi basekuye hanyuma bakanika bakagogora cyane. Iyo hagize urumwa n'incira ahita afata agafu gake akaminjira mu tuzi akanywa; aliko rero mbere yo kugenda babanza kwirasaga ku bikonjo.
Bafata ibibabi bigeze kw'icumi bya buli giti, bagasekulira hamwe cyangwa se bagahonda. Iyo bimaze kunoga bavanga n'utuzi hanyuma bagakamura, bakaminina neza ntihagire agatotsi kongera kubonekamo.
Urumwe n'Incira agomba kunywa inshuro imwe y'ikiyiko kinini (ikiyiko cy'isupu). Ibikatsi agomba kubipfukisha aharumwe nkuko twagumye kubivuga mu bibanza.
Na none kandi bashobora gutegura agafu k'uwo muti hakili kare (nabyo twabivuze kenshi) kugira ngo umuntu aramutse agize amakuba akarumwa n'Incira ahite afata agafu gake aminjire mu tuzi anywe.
Ndetse afata n'akandi gafu akagashyira aharumwe amaze kuharasağa kugira ngo umuti ubone aho winjilira ujye kwica ubumara.

e) Ubulyo bwa gatanu

Ibyo bakoresha:

1) Inzuzi zumye
2) Ubukoko buseye bagashyiramo agafu gake k'inzuzi bakikingira. Aliko uwo muti ntunyobwa - Bawusiga ku bikonjo no ku birenge aho barasaze. Ako gafu iyo umuntu arumwe n'Incira bakaminjira aho yarumye.

f) Uburyo bwa Gatandatu

Ibiti bakoresha

1) Umusagara
2) Umuhengeri
3) Umusororo
4) Umugombe

Bafata ibibabi cumi bya buli giti bagahondera hamwe cyangwa bagasekura, bakavanga n'utuzi duke hanyuma bakaminina. Uwarumwe n'INCIRA agomba kunywa inshuro imwe y'ikiyiko cy'isupu- Ibikatsi babipfukisha aharumwe aliko bamaze kuharasaga kugira ngo umuti ubone uko winjira ushobore kwica ubumara.

Bashobora no gufata ibibabi by'utwo duti bakabisekura hanyuma bakanika. Ibikatsi byamara kwuma bakabisya bakagogora- Agafu bavanyemo bakakabika neza mw'icupa. Abaturiye ishyamba n'abahigi mbere yo kujya mw'ishyamba babanza gufata agafu gake bakakaminjira ahò barasaze ku bikonjo no ku birenge- Iyo inzoka y'incira igize uwo iruma ubumara busanga umuti wamaze kugera mu mubili uwo muti ukabwica- Ikindi kandi bagomba no kwitwaza ako gafu n'amazi mw'icupa kugira ngo INCIRA iramutse igize uwo iruma ahite afata agafu gake avange n'utuzi hanyuma anywe nk'inshuro y'ikiyiko kinini cy'isupu.-

g) Uburyo bwa nyuma:

Ibiti bakoresha:

1) Urubwija
2) Uruvuye

Bafata ibibabi n'uduti tw'ibyo biti bagahondera hamwe cyangwa bagasekura hanyuma bakavanga n'utuzi duke, bakaminina- Urumwe n'INCIRA agomba kunywa inshuro y'ikiyiko kinini ~~x~~ cy'uwo muti babikuyisha aho inzoka yarumye bamaze kuhashandaga kugirango umuti ubone uko winjira neza- Ibyo bikatsi bagomba kubifatisha ku gisebe bakoresheje igitambaro cyiza kugira ngo urupfuko rufate rwe kuvaho.

## III. KUGOMBORA IMPILI.

Hano turavuga inzoka yose ili mu bwoko bw'Impili.

Nizo izi: 1) Ubwoko bwa I ni ubwa za NSIGANSABITSE:

Ubwo bwoko bukaba bugizwe:

na- IMFUHA
- NYANGIRA
- IMPOMA
- IMSHINGU

2) Impili rutemyi 3) Ikimata.

Izo zose zigomborwa mu bulyo bumwe.

Dore uko zigomborwa:

a) Ubulyo bwa mbere:

Ibyo bakoresha muli ubwo bugomboro

1) Umumenamabuye
2) Umumara
3) Umufatangwe

Bafata amababi nk'atanu ya buli giti bagahondera hamwe cyangwa se bagasekura, byamara kunoga bakavanga n'utuzi duke hanyuma bagakamura, bakaminina neza ntihagire igitotsi gisigaramo. Utuzi tuvuyemo nitwo uwarumwe n'Impili anywa. Ashobora kunywa inshuro imwe y'ikiyiko kinini (ikiyiko cy'isupu). Bashobora no gutegura agafu nkuko byavuzwe mu bya mbere: Bafata ibibabi by'utwo duti bagahondera hamwe cyangwa bagasekura nkuko byavuzwe mbere, bakanika ibyo bikatsi, byamara kuma bagasekura, bakagogora cyane, agafu kavuyemo bakakabika neza haba mu gacupa cyangwa se akandi kantu gashobora kubika neza.

Ibyo byarangira bagapfundikira neza bakarumya. Ako gafu gategulirwa kugira ngo umuntu aramutse arumwe n'Impili yahita akitabaza vuba nabwangu. Urumwe n'Impili afata agafu gakeya kuli ako kateguwe akakaminjira mu tuzi duke hanyuma akanywa. Akandi gafu akagashyira aharumwe aliko nyuma yo kurasaga aho harumwe kugira ngo umuti wihutire kwica ubumara buba.

b) Ubulyo bwa kabili:

Ibiti bakoresha:

1) Umukorokombe

2) Umukeli

3) Umubimbafuro (cyangwa umuretezaho)

Dore uko bikoreshwa:

Bafata ibibabi nka bitanu bya buli giti cyangwa ibishishwa by'imizi yabyo bagasekulira hamwe cyangwa bagahonda, ibikatsi bakabivanga n'utuzi duke hanyuma bagakamura. Uwarumwe n'Impili agomba kunywa inshuro imwe y'ikiyiko kinini cy'isupu. Nkuko twagiye tubivuga mu byo twavuze mbere, umuntu ashobora kubika agafu kateguwe kavuye mu mizi y'ibyo biti.

Turebe uko iyo fu itegurwa:

Bafata imizi y'ibyo biti twavuze mbere (umukorokombe, umukeli, umubimbafuro) bakayishishura, ibishishwa bivuyeho bakabihonda hanyuma bakabyanika mu gacucu. Hanyuma ibyo bishishwa bakabisya cyane, bakagogora, ifu bavanyemo bakayibika mu kantu. Urumwe n'Impili agomba gufata agafu gake akakaminjira mu tuzi duke akanywa.
Akongera agafata akandi gafu gake akagashyira aharumwe amaze kuharasaga.

c) Ubulyo bwa gatatu

Ibiti bakoresha:

1) Umufumba

2) Umucuhdura

Uwarumwe n'Impili afata utubabi munahi n'uduti twatwo agakanjakanja akamira utuzi tuvuyemo. Na none kandi uwo muti ushobora gutegurwa kare kose, umuntu akabika agafu nkuko twagumye kubivuga.

Nabyo tubisobanure:

Ufata ibibabi n'uduti twabyo ugakayiranira hamwe, ugasekura, ukanika ibikatsi mu gicucu, hanyuma ugasya cyane, ukagogora. Agafu kavuyemo kagomba kubikwa neza gateganilijwe kuzanyobwa mu gihe habayeho amakuba umuntu akarumwa n'Impili. Urumwe agomba gufata agafu gake akaminjira mu tuzi duke hanyuma akanywa. Akandi gafu akagashyira aharumwe yamaze kuharasaga.

d) Ubulyo bwa kane.

Ibiti bakoresha:

1) Igicunshu

2) Umurama

3) Umucucu

Uko babikoresha

Bafata ibibabi nka bilindwi bya buli giti bagasekulira hamwe cyangwa bagahonda, bakavanga n'utuzi duke hanyuma bagakamura kandi bakaminina cyane. Iyo bamaze kuminina bashyushya gahoro bikaba akazuyazi.
Urumwe n'inzoka y'Impili agomba kunywa inshuro imwe y'ikiyiko kinini cy'isupu. Aliko ntagomba kwibagirwa no gukandisha ibikatsi aharumwe yamaze kuharasaga.

Tuvuge kuk byerekeye urukingo-Nteganyo

Bategura ibibabi bya buli giti, bagasekulira hamwe, bakanika hanyuma bagasya. Agafu bakuyemo bakakabika mw'icupa kugira ngo bajye bagakoresha mu gihe bibaye ngombwa. Iyo fu, cyane cyane abahigi n'abashumba nibo bakunda kuyikoresha kugira ngo bikingire iyo bagiye kujya mw'ishyamba.

Dore uko babigenza:

Bafata agafu gake kuli ka kandi kateguwe, bakagashyira ku bikonjo no ku birenge aho bamaze kurasaga kugira ngo umuti winjire neza kuko ugomba kujyanwa n'amaraso mu mubili. Iyo inzoka igize uwo iruma ntacyo imutwara kuko ubumara busanga umuti wageze mu mubili.

Icyitonderwa: Urwo rukingo-nteganyo rukingira kumara ukwezi kumwe gusa.
Duherukiye ku bwoko bw'inzoka zifite nazo ubumara bubi aliko budafite ubukana bumwe n'ubw'izo tumaze kuvuga alizo: INSANA, INGAMBIRA, INCIRA ZOSE N'AMOKO YOSE Y'IMPILI.

Izo nzoka ni zo izi:

1) Ibano
2) Sigigi
3) Inkomyi
4) Infundura
5) Imbarabara.

Dufite ubulyo bwinshi twagiye tubona tubikesha ababizobereye mo b'abagombozi cyangwa se abandi bose bagerageje kwita ku gushakiliza bakamenya ubulyo bwo kugombora aliko atali umwuga wabo kavukire.

a) Ubulyo bwa mbere:
Ibiti bakoresha:
1) Umugenge
2) Igisura
3) Umugeyo
4) Umutobotobo.

Bafata ibibabi nka bitatu bya buli giti, bagasekulira hamwe cyangwa se bagahonda, bagakamura, bakaminina cyane ntihagire agatotsi na gato gasigaramo hanyuma urumwe n'inzoka muli izo tumaze kuvuga (inkomyi, ibano, infundura, imbarabara cyangwa sigigi) anywa inshuro imwe y'ikiyiko kinini cy'isupu, mu gitondo na nimugoroba.

Ibikatsi babishyira aharumwe bagapfuka n'agatambaro keza gafite isuku.

b) Ubulyo bwa kabili:

Ibyo bakoresha:

Icyungwane na Madwedwe.

Bafata ibisusa by'uruyuzi rw'urungwane (rumwe rwera ibicuma) bagasekura byamara kunoga bagatonyangiliza amata ya madwedwe (udutonyanga tubili) mu tuzi bamaze gukamura muli bya byungwane.
Urumwe n'imwe muli izo nzoka anywa agacuro kamwe k'akayiko, gato gakoreshwa mu cyayi. Murumva ko urwo ali x urugero ruto cyane. Ibyo biraterwa n'uko uyu muti ali mubi cyane urarukisha kandi ugahitisha cyane. Icyakora ni umuti wica ubumara birenze urugero.
Ubuhindura amazi ubukana bugashira n'imbaraga zabwo zose zigashira. Uko guhitisha bituruka cyane cyane kuli ibyo bisusa by'ibyungwane naho madwedwe yo izwiho cyane cyane gupfurutisha no gutera ibisebe ku mubili.

c) Ubulyo bwa gatatu.

Ibyo bakoresha:

1) Ishikashike
2) Umutagara
3) Urunyabarasanya

Dore uko babikoresha:

Bafata ibibabi bine bagasekulira hamwe, byamara kunoga bakavanga n'utuzi duke, hanyuma bagakamura. Utuzi bavanyemo bakatuminina neza umwana wose ugashiramo. Urumwe n'imwe muli izo nzoka agomba kunywa inshuro imwe y'ikiyiko kinini cy'isupu. Ibishishwa babishyira aharumwe kandi bakabihakandisha. Kandi rero bafata utubumbe bamaze kunoza akaba ali two bakoresha. Ibyo bagomba kubikandisha aharumwe aliko babanje kuharasaga kugirango umuti ushobore kwinjira.

d) Ubulyo bwa kane.

Ibyo bakoresha:

1) Umwange
2) Umuhoko

Bafata ibibabi by'umwange n'ibishishwa by'imizi y'umuhoko, bagasekulira hamwe, bakavanga n'utuzi duke hanyuma bakaminina cyane.

Par MUGENZI Nathanaël.